**ITEGEKO N°25/2008 RYO KUWA 25/07/2008 RISHYIRAHO INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA RIKANAGENA IMITERERE, IMIKORERE N'UBUBASHA BYAYO**

**ISHAKIRO**


**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho ry'Inama y'Igihugu**

**Ingingo ya 2: Intera mu mirimo bakora**

**UMUTWE WA II: IBISOBANURO BY'AMWE MU MAGAMBO AKORESHWA MURI IRI TEGEKO**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**UMUTWE WA III: ICYICARO N'INSHINGANO BY'INAMA Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 4: Urwego rureberera Inama y'Igihugu**

**Ingingo ya 5: Icyicaro cy'Inama y'Igihugu**

**Ingingo ya 6: Inshingano z'Inama y'Igihugu**

**UMUTWE WA IV: INZEGO N'IMITERERE**


**LAW N°25/2008 OF 25/07/2008 ESTABLISHING THE NATIONAL COUNCIL OF NURSES AND MIDWIVES AND DETERMINING ITS ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE**

**TABLE OF CONTENTS**


**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article one: Establishment of the National Council**

**Article 2: Categories in their duties**

**CHAPTER II: DEFINITIONS OF CERTAIN TERMS**

**Article 3: Definitions**

**CHAPTER III: HEADQUARTERS AND RESPONSIBILITIES OF THE NATIONAL COUNCIL**

**Article 4: Supervising authority of the National Council**

**Article 5: Headquarters of the National Council**

**Article 6: Responsibilities of the National Council**

**CHAPTER IV: ORGANS AND ORGANISATION OF**


**LOI N°25/2008 DU 25/07/2008 PORTANT CREATION, ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE DU CONSEIL NATIONAL DES INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET DES SAGES-FEMMES**

**TABLES DE MATIERES**


**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Création du Conseil National**

**Article 2: Catégories professionnelles**

**CHAPITRE II: DEFINITIONS DE CERTAINS TERMES**

**Article 3: Définition des termes**

**CHAPITRE III: SIEGE ET MISSIONS DU CONSEIL NATIONAL**

**Article 4: Organe de tutelle du Conseil National**

**Article 5: Siège du Conseil National**

**Article 6: Missions du Conseil National**

**CHAPITRE IV: DES ORGANES ET DE**

**BY'INAMA Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 7: Inzego z'Inama y'Igihugu**

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi n'inshingano zayo**

**Ingingo ya 8: Inama y'Ubuyobozi n'inshingano zayo**

**Ingingo ya 9: Abagize Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 10 : Manda y'Abagize Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 11: Ibyo abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba bujuje**

**Ingingo ya 12: Impamvu zituma uri mu Nama y'Ubuyobozi ayivamo**

**Ingingo ya 13: Gusimbura ugize Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 14: Itumizwa n'iterana ry'Inama y'Ubuyobozi n'uko ifata ibyemezo**

**Ingingo ya 15: Kwemeza inyandiko y'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 16: Itumirwa mu nama ry'umuntu**

**THE NATIONAL COUNCIL**

**Article 7: Organs of the National Council**

**Section one: Board of Directors and its responsibilities**

**Article 8: Board of Directors and its responsibilities**

**Article 9: Members of the Board of Directors**

**Article 10: Term of office of the members of the Board of Directors**

**Article 11: Requirements to be a member of the Board of Directors**

**Article 12: Reasons for removal of a member of the Board of Directors**

**Article 13: Replacement of a member of the Board of Directors**

**Article 14: Convening and holding of the Board of Directors' meeting and procedure of making decisions**

**Article 15: Approval of the resolutions of the Board of Directors**

**Article 16: Invitation of a resourceful person in the Board**

**L'ORGANISATION DU CONSEIL NATIONAL**

**Article 7: Organes du Conseil National**

**Section première:Conseil d'Administration et ses attributions**

**Article 8: Conseil d'Administration et ses attributions**

**Article 9: Membres du Conseil d'Administration**

**Article 10: Mandat des membres du Conseil d'Administration**

**Article 11: Conditions requises pour être membre du Conseil d'Administration**

**Article 12: Perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration**

**Article 13: Remplacement d'un membre du Conseil d'Administration**

**Article 14: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions**

**Article 15: Adoption des résolutions du Conseil d'Administration**

**Article 16: Invitation d'une personne resource à la**

| | | |
|---|---|---|
| **ushobora kugira inama Inama y'Ubuyobozi** | **of Directors' meeting** | **réunion du Conseil d'Administration** |
| **Ingingo ya 17: Komite z'Inama z'Ubuyobozi** | **Article 17: Committees of the Board of Directors** | **Article 17 : Comités du Conseil d'Administration** |
| **Icyiciro cya 2 : Serivisi ya Rejisitirariya** | **Section 2: The Registry** | **Section 2: Du service de Registrariat** |
| **Ingingo ya 18: Serivisi ya Rejisitirariya** | **Article 18: Registry Service** | **Article 18: Service de Registrariat** |
| **Ingingo ya 19: Ushinzwe Rejisitiri** | **Article 19: The Registrar** | **Article 19 : Responsable du Registre** |
| **UMUTWE WA V: KWIYANDIKISHA, NO KURENGERA INYITO Y' UMWUGA** | **CHAPTER V: REGISTRATION AND PROTECTION OF PROFESSIONAL TITLE** | **CHAPITRE V: ENREGISTREMENT, REGISTRE ET PROTECTION DU TITRE DE LA PROFESSION** |
| **Ingingo ya 20: Kwandikwa muri Rejisitiri** | **Article 20: Registration** | **Article 20: Inscription au Registre** |
| **Ingingo ya 21: Gusaba kwandikwa muri Rejisitiri** | **Article 21: Application for Registration** | **Article 21: Demande d'inscription au Registre** |
| **Ingingo ya 22: Kutemererwa kwandikwa muri Rejisitiri** | **Article 22: Refusal of registration** | **Article 22: Refus de la demande d'inscription au Registre** |
| **Ingingo ya 23: Urutonde rw'amazina y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza** | **Article 23: List of names of nurses and midwives** | **Article 23 : Liste de noms des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes** |
| **Ingingo ya 24: Ibirango n'ibindi bimenyetso bishobora kwambarwa cyangwa gukoreshwa** | **Article 24: Insignia and other emblems that may be worn or used** | **Article 24: Insignes et autres marques distinctives** |
| **Ingingo ya 25: Ibibujijwe mu mwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza** | **Article 25: Incompatibilities in profession of nursing and midwifery** | **Article 25: Incompatibilités avec la profession d'infirmier et de sage-femme** |
| **UMUTWE WA VI: AMAKOSA MU KAZI** | **CHAPTER VI: SERVICE RULES AND SANCTIONS** | **CHAPITRE VI: REGLES DE SERVICE ET** |

**N'IBIHANO**


**Ingingo ya 26 : Kutubahiriza ibikubiye mu gitabo cy'imyitwarire**

**Ingingo ya 27: Ikirego cy'imyitwarire mu mwuga**

**Ingingo ya 28: Gukurikiranwaho imyitwarire mu mwuga**

**Ingingo ya 29: Ihagarikwa ry'umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza**

**Ingingo ya 30: Ibihano bigenwa n'Inama y'Igihugu**

**Ingingo ya 31: Imenyesha ry'icyemezo cyafatiwe uwarezwe**

**Ingingo ya 32: Kutishimira icyemezo cyafashwe n'Inama y'Igihugu**

**Ingingo ya 33: Kwiregura k'uwarezwe**

**Ingingo ya 34 : Igihano cyafashwe burundu**

**UMUTWE WA VII: UMUTUNGO W'INAMA Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 35: Umutungo w'Inama y'Igihugu**

**Ingingo ya 36 : Igenzura ry'imari**

**UMUTWE WA VIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 37: Itumizwa ry'Inama ya mbere**

**Article 26: Service rules**

**Article 27: A complaint of professional misconduct**

**Article 28: Professional disciplinary action**

**Article 29: Suspension of a nurse or a midwife**

**Article 30: Sanctions determined by the National Council**

**Article 31: Notification of the decision taken against the accused**

**Article 32: An aggrieved party over a decision taken by the National Council**

**Article 33: Defence of the accused person**

**Article 34: Final penalty**

**CHAPTER VII: PROPERTY OF THE NATIONAL COUNCIL**

**Article 35: Property of the National Council**

**Article 36: Financial Audit**

**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 37: Convening of the first Board of Directors**


**SANCTIONS**


**Article 26: Règles de service**

**Article 27: Plainte pour faute professionnelle**

**Article 28: Poursuite pour faute professionnelle**

**Article 29: Suspension d'une infirmière, d'un infirmier ou d'une sage-femme**

**Article 30: Sanctions prises par le Conseil National**

**Article 31: Notification de la décision prise à l'encontre de la personne accusée**

**Article 32: Objection de la partie lésée par la décision prise par le Conseil National**

**Article 33: Défense de la personne accusée**

**Article 34: Sanction définitive**

**CHAPITRE VII: PATRIMOINE DU CONSEIL NATIONAL**

**Article 35: Patrimoine du Conseil National**

**Article 36: Audit financier**

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 37: Convocation de la première réunion du**

**y'Inama y'Ubuyobozi**

**Ingingo ya 38: Inzego z'ubuyobozi n'iz'imirimo ziteganywa n'iri tegeko**

**Ingingo ya 39: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

**Ingingo ya 40: Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

**meeting**

**Article 38: Administrative and organisational organs determined by this law**

**Article 39: Abrogating provision**

**Article 40: Commencement**

**Conseil d'Administration**

**Article 38: Organisation et cadre organique prévus par la présente loi**

**Article 39: Disposition abrogatoire**

**Article 40 : Entrée en vigueur**

**ITEGEKO N°25/2008 RYO KUWA 25/07/2008 RISHYIRAHO INAMA Y'IGIHUGU Y'ABAFOROMOKAZI, ABAFOROMO N'ABABYAZA RIKANAGENA IMITERERE, IMIKORERE N'UBUBASHA BYAYO**

**Twebwe, KAGAME Paul,**
Perezida wa Repubulika**;**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:**

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 5 Gicurasi 2008;

Umutwe wa Sena, mu nama yawo yo ku wa 25 Mata 2008

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo: iya 41, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 95, iya 108, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko nº 10/1998 ryo ku wa 28/10/1998 ryerekeye ubuhanga bwo kuvura, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 34 n'iya 35.
Ishingiye ku Itegeko n° 30/2001 ryo ku wa 12/06/2001

**LAW N°25/2008 OF 25/07/2008 . ESTABLISHING THE NATIONAL COUNCIL OF NURSES AND MIDWIVES AND DETERMINING ITS ORGANISATION, FUNCTIONING AND COMPETENCE**

**We, KAGAME Paul**,
The President of the Republic**;**

**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**

**THE PARLIAMENT:**

The Chamber of Deputies, in its session of 5 May 2008;

The Senate, in its session of 25 April 2008;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June, 2003 as amended to date, especially in Articles 41, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 95, 108, 118 and 201;

Pursuant to Law nº 10/98 of 28/10/1998 establishing the practice of the art of healing, especially in Articles 34 and 35;

Pursuant to Law nº 30/2001 of June 12, 2001 on organisation,

**LOI N°25/2008 DU 25/07/2008 PORTANT CREATION, ORGANISATION, FONCTIONNEMENT ET COMPETENCE DU CONSEIL NATIONAL DES INFIRMIERES, DES INFIRMIERS ET DES SAGES-FEMMES**

**Nous, KAGAME Paul,**
Président de la République;

**LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA**

**LE PARLEMENT:**

La Chambre des Députés, en sa séance du 5 mai 2008;

Le Sénat, en sa séance du 25 avril 2008;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003, telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 41, 62, 66, 67, 88**,** 89**,** 90, 92, 93, 95, 108, 118 et 201;

Vu la Loi n° 10/98 du 28/10/1998 portant exercice de l'art de guérir, spécialement en ses articles 34 et 35;

Vu la Loi n° 30/2001 du 12/06/2001 portant organisation,

rishyiraho imitunganyirize, imikorere n'ububasha by'Urugaga rw'Abaganga;

**YEMEJE:**

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE**

**Ingingo ya mbere: Ishyirwaho ry'Inama y'Igihugu**

Iri tegeko rishyiraho Inama y'Igihugu y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza rikanagena imiterere, imikorere n'ububasha byayo.

Inama y'Igihugu y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza, yitwa Inama y'Igihugu mu ngingo zikurikira. Ifite ubuzimagatozi n'ubwigenge mu miyoborere, mu micungire y'umutungo n'abakozi bayo.

**Ingingo ya 2: Intera mu mirimo bakora**

Mu mirimo bakora, abaforomokazi, abaforomo cyangwa ababyaza bari mu ntera zikurikira:

1° abaforomokazi, abaforomo cyangwa ababyaza banditse;

2° abaforomokazi, abaforomo cyangwa ababyaza asosiye.

functioning and scope of activities of the Medical Council;

**ADOPTS:**

**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**

**Article One: Establishment of the National Council**

This Law establishes the National Council of Nurses and Midwives and determines its organisation, functioning and competence.

The National Council of Nurses and Midwives, hereinafter referred to as the National Council, has legal personality, administrative and financial autonomy.

**Article 2: Categories in their duties**

Nurses or Midwives shall fall into the following professional categories:

1° registered Nurses or Midwives;

2° associate Nurses or Midwives.

fonctionnement et compétence de l'Ordre des médecins;

**ADOPTE:**

**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES**

**Article premier: Création du Conseil National**

La présente loi porte création, organisation, fonctionnement et compétence du Conseil National des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes.

Le Conseil National des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes, ci-après dénommé Conseil National, est doté de la personnalité juridique et de l'autonomie financière et administrative.

**Article 2: Catégories professionnelles**

Les infirmières, les infirmiers ou les sages-femmes sont classés dans les catégories professionnelles suivantes:

1° les infirmières, les infirmiers ou les sages-femmes enregistrés;

2° les infirmières, les infirmiers ou les sages-femmes associés.

**UMUTWE WA II: IBISOBANURO BY'AMWE MU MAGAMBO**

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iri tegeko:

1° "**Umuforomokazi, umuforomo** cyangwa **umubyaza**": umuntu wakurikiye kandi agatsinda ibizamini birangiza gahunda z'amasomo bitegurwa bikanatangwa n'urwego rubishinzwe rubifashijwemo n'Inama y'Igihugu.

Umuforomokazi, umuforomo n'umubyaza bemerewe gukora iyo myuga hakurikijwe amasomo bahawe. Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze riteganya uko iyo myuga ikorwa.

2° "**Umuforomokaz**i cyangwa **umuforomo wanditse":** umuntu ufite nibura impamyabumenyi ya A1 cyangwa ihwanye na yo, wemerewe gukora ku mugaragaro, nta wundi muforomokazi cyangwa umuforomo umuha amabwiriza mu mwuga we, wubahiriza inshingano ze kandi akabazwa imikorere ye.

3° **"Umuforomokazi asosiye** cyangwa **umuforomo asosiye**"**:** umuntu ufite impamyabumenyi ya A2 cyangwa ihwanye na yo. Akora ayobowe kandi akurikiranwa mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n'umuforomokazi cyangwa umuforomo wanditse. Igihe cyose umuforomokazi wungirije cyangwa umuforomo wungirije abazwa imikorere ye kandi abazwa n'umuforomokazi wanditse cyangwa umuforomo wanditse ibijyanye n'imirimo yose yamushinze;

4° **"Umubyaza wanditse**": umubyaza ufite nibura impamyabumenyi ya A1 cyangwa ihwanye na yo wemerewe gukurikirana ku buryo bwa ngombwa, kwita

**CHAPTER II: DEFINITIONS OF CERTAIN TERMS**

**Article 3: Definitions**

In this Law:

1° "**Nurse** or **Midwife**": person who pursued and passed exams successiflly completing educational courses prepared and organized by the relevant organ in collaboration with the National Council.

A Nurse and a Midwife are authorized to practice their profession in accordance with educational courses offered. An Order of the Minister in charge of health shall determine how such a profession shall be conducted.

2° "**Nurse** or **registered Nurse**"**:** person who holds at least an associate degree or its equivalent, licensed to practice without any supervision from any other Nurse, and who respects his/her responsibilities and assumes accountability.

3° "**Nurse or associated Nurse**"**:** person who holds an advanced general certificate of secondary education A2 or its equivalent. He/she works under a direct or indirect supervision of a registered Nurse. In any case, an associate Nurse shall be accountable on the basis of his/her performance and shall be liable before a registered Nurse for all the tasks assigned.

4° "**registered Midwife**" **:** Midwife who holds at least an advanced general certificate of secondary or its equivalent who is authorized to provide necessary supervision, care and advice

**CHAPITRE II: DEFINITIONS DE CERTAINS TERMES**

**Article 3: Définitions des termes**

Au terme de la présente loi :

1° "**infirmière**, **infirmier** ou **sage-femme**" : la personne qui a suivi un programme de formation professionnelle, réussi les examens préparés et organisés par l'organe compétent en collaboration avec le Conseil National.

Une infirmière, un infirmier et une sage-femme sont habilités à exercer leur profession en fonction de la formation reçue. Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine la pratique de cette profession.

2° "**infirmière** ou **infirmier enregistré**" **:** la personne qui détient un diplôme de niveau A1 ou équivalent, qui est officiellement habilité à exercer sa profession sans supervision d'une autre infirmière ou d'un autre infirmier et qui répond de ses actes.

3° " **infirmière associée**" ou **infirmier associé**" **:** la personne détenant un diplôme de niveau A2 ou équivalent. Elle exerce sa profession sous la direction et la supervision directes ou indirectes d'une infirmière ou d'un infirmier enregistré**.** L'infirmière associée ou l'infirmier associé est, à tout moment, responsable de ses actes et répond devant l'infirmière enregistrée ou l'infirmier enregistré de toutes les tâches qui lui sont assignées.

4° "**sage-femme enregistrée**" **:** sage-femme ayant un diplôme de niveau A1 ou équivalent qui est officiellement habilitée à fournir la surveillance, les soins et les conseils

no kugira inama abagore mu gihe batwite, babyara, mbere na nyuma yo kubyara. Ayobora imirimo yo kubyaza akayibazwa ndetse akanita ku mpinja zikivuka n'abana bakiri ku ibere**.** Aha abagore, imiryango n'abaturage muri rusange inama zijyanye n'ubuzima bw'imyororokere;

5° "**Umubyaza asosiye**"**:** umubyaza ufite impamyabumenyi ya $A_2$ cyangwa ihwanye na yo. Akora ayobowe kandi akurikiranwa mu buryo buziguye cyangwa butaziguye n'umubyaza wanditse. Igihe cyose, umubyaza wungirije abazwa imikorere ye akabazwa n'umubyaza wanditse ibijyanye n'imirimo yose yamushinze;

6° "**Umwuga w'ubuforomo":** igice cy'ubuvuzi gikubiyemo uburyo bujyanye no guteza imbere ubuzima, kwirinda indwara, kwita ku barwayi b'indwara z'umubiri n'izo mu mutwe ndetse n'ubumuga butandukanye. Ibi byose bikorerwa mu miryango, mu bigo rusange no mu bigo by'ubuvuzi haba hari umuganga cyangwa adahari;

7° **"Ububyaza":** uburyo bujyanye no gufasha, kwigisha no kwita ku bagore n'imiryango yabo mu gihe batwite, babyara, bonsa ndetse no mu gihe cyose cy'imyororokere yabo**;**

8° **"Rejisitiri" :** uburyo bwose bwaba igitabo cyangwa ubundi buryo bw'ikoranabuhanga bukubiyemo umwirondoro bwite, n'impamyabumenyi z'amashuri yizwe zijyanye n'umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza hamwe n'izindi mpamyabushobozi zaba zijyanye n'umwuga bihesha uburenganzira bwo kwandikwa**;**

9° "**Imyitwarire mibi ku kazi**": imyitwarire

to women during pregnancy, labour the ante-natal and the post-natal period. She conducts delivery activities and she is held accountable for deliveries and cares for the newborn babies and the infants still under breast feeding. She shall provide reproductive health counseling services to women, families and the community in general.

5° "**associate Midwife**"**:** Midwife who holds an advanced general certificate of secondary education or its equivalent. She works under direct or indirect supervision of a registered Midwife. The associate Midwife shall be held liable for his/her actions at all times and shall be accountable before the registered Midwife for the tasks assigned.

6° "**Nursing profession "** : a part of the health system, encompassing the promotion of health, prevention of diseases, provision of care to patients of internal medicine and mental diseases as well as various disabilities. This care is done in family, community centres and in health establishments with or without a doctor.

7° **"Midwifery"**: provision of assistance, education and support to women and their families during pregnancy, delivery, and breast feeding as well as at any time of their health reproductive cycle.

8° **"Registry" :** a book or any other technological means which contains personal identity and level of qualification attained which are related to Nursing and Midwifery profession and other relevant professional qualifications that may grant the right to registration;

9° **"Professional misconduct"**: any conduct by a Nurse or a

nécessaires aux femmes durant la grossesse, le travail, l'ante-partum et le post-partum. Elle assure les accouchements sous sa propre responsabilité et soigne les nouveau-nés et les nourrissons. Elle offre en général des conseils en rapport avec la santé de la reproduction aux femmes, aux familles et à la communauté.

**5°"sage-femme associée**" **:** sage-femme ayant un diplôme de niveau $A_2$ ou équivalent. Elle exerce sa profession sous la direction et la supervision directe ou indirecte d'une sage-femme enregistrée. Une sage-femme associée est, à tout moment, responsable de ses actes et répond devant une sage-femme enregistrée de toutes les tâches lui assignées.

**6° "profession d'infirmier" :** une partie des systèmes médicaux de promotion de la santé, de prévention des maladies, de prise en charge des personnes souffrant de maladies physiques et mentales ainsi que de diverses formes de handicaps. Cette prise en charge se passe en famille, dans les établissements communautaires et sanitaires avec ou sans la présence d'un médecin.

**7° "Soins obstétricaux":** moyens consistant à fournir l'assistance, l'éducation et les soins aux femmes et à leurs familles pendant la grossesse, l'accouchement, l'allaitement et même pendant toute leur période de reproduction;

**8° "Registre":** un livre ou un autre moyen électronique servant à conserver l'identité de l'infirmier ou de l'infirmière, son diplôme sanctionnant la formation en profession d'infirmier et de sage-femme ainsi que les autres certificats relatifs à la profession et qui confèrent à leur détenteur le droit d'être enregistré ;

**9° "Indiscipline professionnelle" :** conduite d'une

y'umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza inyuranyije n'ibikubiye mu gitabo cy'imyitwarire ijyanye n'umwuga w'ubuforomo n'uw'ubyaza kivugwa mu ngingo ya 26 y'iri tegeko.

**UMUTWE WA III: ICYICARO N'INSHINGANO BY'INAMA Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 4: Urwego rureberera Inama y'Igihugu**

Inama y'Igihugu irebererwa na Minisiteri ifite ubuzima mu nshingano zayo.

**Ingingo ya 5: Icyicaro cy'Inama y'Igihugu**

Icyicaro cy'Inama y'Igihugu kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda igihe bibaye ngombwa.

Ariko, Inama y'Ubuyobozi ishobora guteranira no gufatira ibyemezo mu buryo bwemewe n'amategeko ahantu hose, byemejwe nibura na bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize.

**Ingingo ya 6: Inshingano z'Inama y'Igihugu**

Inshingano z'ibanze z'Inama y'Igihugu ni izi zikurikira:

1° kurinda abaturage icyahungabanya ubuzima bwabo giturutse ku mikorere y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza;

2° gutunganya no kurinda umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza;

3° kuba umurinzi w'amategeko agenga imyitwarire ku kazi, icyubahiro n'agaciro by'umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza.

Midwife contrary to the provisions of the Code of Professional conduct as stipulated in Article 26 of this Law.

**CHAPTER III: HEAD OFFICE AND RESPONSIBILITIES OF THE NATIONAL COUNCIL**

**Article 4: Supervising authority of the National Council**

The National Council shall be supervised by the Ministry in charge of health.

**Article 5: Head Office of the National Council**

The Head Office of the National Council shall be situate in Kigali City, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere in Rwanda if deemed necessary.

However, the Board of Directors may legally hold sessions and take decisions from anywhere upon approval by at least two thirds (2/3) of its members.

**Article 6: Responsibilities of the National Council**

The basic responsibilities of the National Council shall be the following:

1° to protect the public from anything that may endanger their lives arising from the deeds of Nurses and Midwives;

2° to organize and defend the Nursing and Midwifery profession;

3° to be the guardian of ethical rules, honor and dignity of the Nursing and Midwifery profession;

infirmière, d'un infirmier ou d'une sage-femme contraire à ce qui est prévu par le code d'éthique professionnelle visé à l'article 26 de la présente loi.

**CHAPITRE III: SIEGE ET ATTRIBUTIONS DU CONSEIL NATIONAL**

**Article 4: Organe de tutelle du Conseil National**

Le Conseil National est placé sous la tutelle du Ministère ayant la santé dans ses attributions.

**Article 5: Siège du Conseil National**

Le siège du Conseil National est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de nécessité, être transféré en tout autre lieu du territoire de la République du Rwanda.

Toutefois, le Conseil d'Administration peut, sur approbation des deux tiers (2/3) de ses membres, se réunir et délibérer régulièrement dans n'importe quel lieu.

**Article 6: Missions du Conseil National**

Les principales missions du Conseil National sont les suivantes:

1° protéger la population contre toute menace contre la pouvant provenir de mauvaises pratiques des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes;

2° assurer l'organisation et la protection de la profession d'infirmière, d'infirmier et de sage-femme;

3° veiller au respect des règles déontologiques, de l'honneur et de la dignité de la profession d'infirmière, d'infirmier et de sage-femme ;

4° gushyikirana no gukorana n'ibindi bigo bihuje inshingano byo mu rwego rw'akarere cyangwa mpuzamahanga.

**UMUTWE WA IV: INZEGO N'IMITERERE BY'INAMA Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 7: Inzego z'Inama y'Igihugu**

Inama y'Igihugu igizwe n'Inzego zikurikira:

1° Inama y'Ubuyobozi;
2° Servisi za Rejisitirariya.

Inama y'Ubuyobozi ni rwo rwego rukuru kandi rufite ububasha bwo gufata ibyemezo ku birebana n'umwuga. Ibyemezo byayo ni ntakuka ku baforomokazi, abaforomo n'ababyaza bose bafite amazina yabo yanditse muri Rejisitiri.

**Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi n'inshingano zayo**

**Ingingo ya 8: Inama y'Ubuyobozi n'inshingano zayo**

Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:

1° gutanga ibitekerezo kuri politiki zijyanye no guteza imbere ubuvuzi;
2° kwemeza umushinga w'ingengo y'imari y'Inama y'Igihugu ;
3° gushyikiriza Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo;
4° gushyiraho ibisabwa kugira ngo hemezwe gahunda y'amasomo y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza no gukurikirana uko

4° to cooperate and collaborate with other regional and international agencies of the same mission.

**CHAPTER IV: ORGANS AND ORGANISATION OF THE NATIONAL COUNCIL**

**Article 7: Organs of the National Council**

The National Council comprises of the following organs:

1° The Board of Directors;
2° The Registry.

The Board of Directors is the supreme Organ that has decision-making powers on professional matters. Its decisions are irrevocable on all registered Nurses and Midwives.

**Section One: Board of Directors and its responsibilities**

**Article 8: Board of Directors and its responsibilities**

The Board of Directors shall have the following responsibilities:

1° to provide opinion on policies relating to the promotion of treatment;
2° to approve the draft budget proposal of the National Council;
3° to submit the activity and financial reports to the Minister in charge of health;
4° to determine the requirements for the approval of the course program of Nurses and Midwives and to ensure its implementation;

4° entretenir de bonnes et coopérer avec les autres institutions régionales ou internationales de même mission.

**CHAPITRE IV: ORGANES ET ORGANISATION DU CONSEIL NATIONAL**

**Article 7: Organes du Conseil National**

Les organes du Conseil National sont les suivants:

1° Le Conseil d'Administration;
2° Les services de registrariat.

Le Conseil d'Administration est l'organe suprême de décision en matière professionnelle. Ses décisions contre les infirmières, les infirmiers et les sages-femmes inscrits au registre sont irrévocables.

**Section première: Conseil d'Administration et ses attributions**

**Article 8: Conseil d'Administration et ses attributions**

Les attributions du Conseil d'Administration sont les suivantes :

1° donner des avis sur la politique de promotion de la médecine ;
2° adopter le projet de budget du Conseil National;
3° soumettre le rapport d'activités et d'utilisation du patrimoine au Ministre ayant la santé dans ses attributions;
4° fixer les critères d'approbation des programmes de formation des infirmières, des infirmiers et des sages- femmes et assurer le

yubahirizwa;
5° gushyiraho no gushimangira amahame ngenderwaho ajyanye n'umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza hashyirwaho amabwiriza ya ngombwa mu kugera ku nshingano zawo;
6° guharanira iterambere ry'umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza;
7° gufatira ibyemezo abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza bafite imyitwarire inyuranije n'ibikubiye mu gitabo cy'imyitwarire ku kazi;
8° gutanga inama n'ibitekerezo ku mishinga y'amategeko yose arebana n'umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza;
9° gutanga ibitekerezo cyangwa ibyifuzo ku bibazo byose byerekeranye n'imikorere y'umwuga;
10° gutegura imitunganyirize n'imiterere y'inzego z'imirimo z'Inama y'Igihugu;
11° kwemeza amategeko ngengamikorere.

**<u>Ingingo ya 9</u>: Abagize Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi igizwe n'abantu cumi na batanu (15) bakurikira :

a) abatorwa ni**:**

1° abaforomokazi n'abaforomo batandatu (6), bane (4) nibura muri bo bakaba abanditse;
2° ababyaza babiri (2);
3° umuforomokazi cyangwa umuforomo w'inzobere mu ndwara zo mu mutwe;
4° abaforomokazi, abaforomo cyangwa ababyaza babiri (2) b'abarimu.

b) abashyirwaho kubera imyanya barimo ni**:**

5° to establish and maintain standards relating to the practice of the profession of Nursing and Midwifery by means of establishing necessary directives to achieve its objectives;

6° to strive towards promoting the profession of Nursing and Midwifery;

7° to take disciplinary measures against Nurses and Midwives who contravene the professional code of professional conduct;

8° to give advice and opinion on all draft Laws relating to the profession of Nurses and Midwives;

9° to give advice or proposals on all issues relating to professional practice;

10° to design the organigramme and the job classification of the National Council;
11° to approve the internal rules and regulations.

**<u>Article 9</u>: Members of the Board of Directors**

The Board of Directors shall comprise of the following fifteen (15) members:

a) elected members shall be**:**

1° six (6) Nurses; at least four (4) of whom shall be registered;
2° two (2) Midwives;
3° one expert mental health Nurse;

4° two (2) Nurses or Midwife lecturers.

b) ex- officio members shall be:

suivi de leur mise en œuvre ;
5° établir et renforcer les pratiques de base à l'exercice de la profession d'infirmière, d'infirmier et de sage-femme par l'adoption des instructions utiles à la réalisation des objectifs de la profession;
6° lutter pour la promotion de la profession d'infirmière, d'infirmier et de sage-femme;
7° prendre des mesures disciplinaires à l'encontre des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes violant le code de déontologie professionnelle ;
8° donner des conseils et des avis sur tous les projets de loi relatifs à la profession d'infirmière, d'infirmier et de sage- femme ;
9° donner des avis ou des suggestions sur toutes les questions relatives à l'exercice de la profession ;
10° élaborer l'organigramme et le cadre organique du Conseil National ;
11° adopter le Règlement d'ordre intérieur.

**<u>Article 9</u>: Membres du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration est composé de quinze (15) membres suivants:

a) les membres élus sont**:**

1° six (6) infirmières, infirmiers dont au moins quatre (4) sont enregistrés ;
2° deux (2) sages-femmes ;
3° une infirmière ou un infirmier spécialisé en santé mentale ;
4° deux (2) infirmières, infirmiers ou sages-femmes enseignants.

b) Les membres de droit sont:

1° ushinzwe ubuforomo n'ububyaza muri Minisiteri ishinzwe ubuzima;

2° Perezida w'Ishyirahamwe ry'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza mu Rwanda (ANIR).

c) abagenwa ni**:**

Abantu babiri (2) bahagarariye abaturage bagenwa na Minisiteri ifite imibereho myiza mu nshingano zayo.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba abagore.

Ushinzwe rejisitiri ajya mu nama z'Inama y'Ubuyobozi kandi akazibera umwanditsi.

**Ingingo ya 10 : Manda y'Abagize Inama y'Ubuyobozi**

Abagize Inama y'Ubuyobozi batorerwa cyangwa bagenerwa manda y'imyaka itatu (3), ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Uburyo amatora y'abagize Inama y'Ubuyobozi akorwa bugenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

**Ingingo ya 11: Ibyo abagize Inama y'Ubuyobozi bagomba kuba bujuje**

Kugira ngo umuntu abe mu bagize Inama y'Ubuyobozi agomba kuba yujuje ibi bikurikira:

1° kuba ari umunyarwanda;
2° kuba inyangamugayo;
3° kuba azwiho ubudakemwa mu mico no mu

1° the in charge of Nursing and Midwifery Officer in the Ministry in charge of health;

2° The Chairperson of the National Association of Nurses and Midwives in Rwanda (ANIR),

c) nominated members shall be:

Two (2) representatives of the public nominated by the Ministry in charge of social affairs.

At least thirty per cent (30%) of the members of the Board of Directors shall be women.

The in charge of the registry services shall attend the meetings of the Board of Directors and act as its rapporteur.

**Article 10: Tenure of office of the members of the Board of Directors**

The elected or nominated members of the Board of Directors shall have a three (3) years term of office renewable only once.

The procedures through which elections of the members of the Board of Directors are conducted shall be determined by an Order of the Minister in charge of health.

**Article 11: Requirements to be a member of the Board of Directors**

In order to be a member of the Board of Directors, the candidate shall fulfill the following conditions:

1° to be a Rwandan;
2° to be a person of integrity;
3° to be characterized by good conduct;

1°le chargé de Nursing et des sages-femmes au Ministère ayant la santé dans ses attributions ;
2° Le Président de l'Association Nationale des des infirmières, infirmiers et des sages-femmes au Rwanda (ANIR);

c) les membres nommés sont**:**

Deux (2) représentants de la population désignés par le Ministère ayant les affaires sociales dans ses attributions.

Trente pour cent (30%) au moins des membres du Conseil d'Administration doivent être de sexe féminin.

Le responsable des services de registre participe aux réunions du Conseil d'Administration et en est le rapporteur.

**Article 10: Mandat des membres du Conseil d'Administration**

Les membres du Conseil d'Administration sont élus ou nommés pour un mandat de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

La procédure d'élection des membres du Conseil d'Administration est déterminée par arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions.

**Article 11: Conditions requises pour être membre du Conseil d'Administration**

Pour être membre du Conseil d'Administration, le candidat doit remplir les conditions suivantes:

1° être de nationalité rwandaise ;
2° être intègre ;
3° être de bonne conduite, vie et mœurs ;

myifatire;
4° kuba afite ubushishozi n'ubushobozi;
5° kuba adakurikiranyweho icyaha cya jenoside;
6° kuba atarangwaho ingengabitekerezo ya jenoside;
7° kuba atarakatiwe igihano cyo gufungwa kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
8° kuba atarakoze icyaha na kimwe giteganywa mu gitabo cy'imyitwarire ku kazi;
9° kuba yanditse muri Rejisitiri;
10° Kuba afite nibura imyaka itanu (5) y'uburambe ku kazi k'ubuforomo cyangwa ububyaza.

**<u>Ingingo ya 12</u>: Impamvu zituma uri mu Nama y'Ubuyobozi ayivamo**

Ugize Inama y'Ubuyobozi ava muri uwo mwanya iyo:

1° manda irangiye;
2° yeguye abinyujije mu nyandiko;
3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe na muganga wemewe na Leta;
4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6) nta subikagihano;
5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana mu mwaka umwe nta mpamvu zifite ishingiro;
6° abangamira inyungu z'Inama y'Igihugu;
7° agaragaje imyifatire n'imyitwarire itajyanye n'inshingano ze;
8° bigaragaye ko atacyujuje ibyashingiweho ashyirwa mu Nama y'Ubuyobozi;
9° yireze akemera icyaha cya jenoside;
10° agaragaraho ibimenyetso by'ingengabitekerezo ya

4° to be wise and capable;
5° to be free from the prosecution of the crime of genocide;
6° not to be characterized by the genocide ideology;
7° not to have been sentenced to an imprisonment of equal to or exceeding six (6) months without suspension of sentence;
8° not to have been convicted of one of the offences provided by the ethical code;
9° to be registered;
10° to have at least five(5) years of experience in Nursing or Midwifery.

**<u>Article 12</u>: Reasons for removal of a member of the Board of Directors**

A member of the Board of Directors shall leave such an office if:

1° his/her term of office expires;
2° he/she resigns through writing;
3° he/she is no longer able to perform his/her responsibilities due to physical or mental disability certified by a recognized medical doctor;
4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months without suspension of sentence;
5° he/she is absent in meetings for three (3) consecutive times in a year without the justified reasons;
6° he/she jeopardises the interests of the National Council;
7° he/she demonstrates behaviours or conduct contrary to his or her responsibilities;
8° it is clear that he/she no longer fulfils the requirements considered at the time of his/her appointment to the Board of Directors;
9° he/she confesses and pleads guilty of the crime of genocide.
10° he/she is characterized by genocide ideology;

4° être avisé et compétent ;
5° ne pas être poursuivi pour crime de génocide ;
6° ne pas faire preuve d'indices d'idéologie du génocide ;
7° ne pas avoir été condamné à une peine d'emprisonnement supérieure ou égale à six (6) mois sans sursis ;
8° n'avoir commis aucune infraction prévue au code d'éthique professionnelle ;
9° être inscrit au Registre ;
10° avoir une expérience d'au moins cinq (5) ans dans la profession d'infirmier ou de sage-femme;

**<u>Article 12</u>: Perte de la qualité de membre du Conseil d'Administration**

Un membre du Conseil d'Administration perd la qualité de membre dans les cas suivants:

1° expiration du mandat;
2° démission par notification écrite;
3° incapacité physique ou mentale constatée par un médecin agréé ;
4° condamnation définitive à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois sans sursis;
5° trois (3) absences consécutives dans une année aux réunions sans raisons valables ;
6° agissement contre les intérêts du Conseil National;
7° comportement incompatible avec ses fonctions ;
8° constat qu'il ne remplit plus les conditions sur la base desquelles il avait été nommé;
9° aveu et plaidoyer de culpabilité pour crime de génocide;
10° faire montre d'indices d'idéologie du génocide ;

jenoside;
11° apfuye.

Minisitiri ureberera Inama y'Igihugu, agaragaza muri raporo igenewe inzego zibifitiye ububasha ko umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi adakwiye kuba mu bayigize cyangwa ko atakiri mu mwanya we hakurikijwe ibiteganywa mu gika kibanziriza iki**.**

**<u>Ingingo ya 13</u>: Gusimbura ugize Inama y'Ubuyobozi**

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ahagaritse imirimo, yeguye, ahamagariwe indi mirimo cyangwa avuyemo ku zindi mpamvu, asimburwa hakurikijwe uburyo yashyizweho mu gihe kitarenze amezi atatu (3), iyo igice cya manda gisigaye kirengeje amezi atandatu (6).

Umusimbura arangiza iyo manda.

**<u>Ingingo ya 14</u>: Itumizwa n'iterana ry'Inama y'Ubuyobozi n'uko ifata ibyemezo**

Inama y'Ubuyobozi y'Inama y'Igihugu iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

Ubutumire bw'inama isanzwe bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane. Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko hasigaye nibura iminsi itanu (5) kugira ngo iterane.

11° he/she dies.

The Minister in charge of the National Council shall specify in a report meant for competent authorities that one of the members of the Board of Directors is not suitable for being its member or if he or she is no longer in the post in accordance with provisions of the preceding Paragraph.

**<u>Article 13:</u> Replacement of a member of the Board of Directors**

When one of the members of the Board of Directors suspends, resigns, is appointed for other responsibilities or leaves office due to other reasons, he/she shall be replaced within a period not exceeding three (3) months in accordance with the procedures through which he/she was appointed, if the remaining term of office exceeds six (6) months.

The substitute shall complete the remaining term of office.

**<u>Article 14</u>: Convening and holding of the Board of Directors meeting and procedure of making decisions**

The Board of Directors of the National Council shall be held once every three months and at any time it is deemed necessary upon invitation by its Chairperson or the Vice-Chairperson in case of absence of the chairperson, at his/her own initiative, or upon proposal in writing by a third (1/3) of its members.

The invitation of the ordinary meeting shall be in writing which is submitted at least fifteen (15) days before the meeting is held. However, an extra ordinary meeting shall be convened in writing at least five (5) days before the meeting is held.

11° décès.

Le Ministre de tutelle du Conseil National constate dans un rapport aux organes compétents qu'un membre du Conseil d'Administration n'est plus membre ou n'en a plus la qualité conformément aux dispositions de l'alinéa précédent.

**<u>Article 13</u>: Remplacement d'un membre du Conseil d'Administration**

Lorsque l'un des membres du Conseil d'Administration suspend ses fonctions, démissionne, est appelé à d'autres fonctions ou perd la qualité de membre pour d'autres raisons, il est remplacé dans les mêmes conditions que celles de sa nomination dans un délai ne dépassant pas trois (3) mois, si le reste du mandat dépasse six (6) mois.

Le remplaçant termine le reste du mandat.

**<u>Article 14</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration et modalités de prise de décisions**

Le Conseil d'Administration du Conseil National se réunit tous les trois (3) mois chaque que de besoin sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite d'un tiers (1/3) de ses membres.

L'invitation à la réunion ordinaire est faite par écrit et transmise aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion et comprend les points inscrits à l'ordre du jour. Toutefois, la réunion extraordinaire est convoquée au moins cinq (5) jours avant sa tenue.

Mu byigwa mu gihembwe cya mbere cy'umwaka harimo kwemeza raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'umutungo mu mwaka urangiye; mu gihembwe cya gatatu hakabamo gahunda yo gusuzuma imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari na gahunda y'ibikorwa by'umwaka ukurikira.

Buri gihembwe kandi Inama y'Ubuyobozi igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa Minisitiri ureberera Inama y'Igihugu.

Inama y'Ubuyobozi iterana igihe hari nibura bibiri bya gatatu (2/3) by'abayigize. Nta muntu ushobora guhagararirwa. Ibyemezo bifatwa ku bwiganze bw'amajwi y'abitabiriye inama.

**<u>Ingingo ya 15</u>: Kwemeza inyandiko y'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi**

Inyandiko y'ibyemezo by'Inama y'Ubuyobozi ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa Minisitiri ureberera Inama y'Igihugu mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) kugira ngo agire icyo abivugaho mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo gihe kirenze ntacyo arabivugaho imyanzuro y'inama iba yemewe burundu.

Inyandikomvugo y'inama ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi bayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Minisitiri ureberera Inama y'Igihugu mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) guhera umunsi yemerejweho.

The content of the agenda to be examined in the first quarter of the year shall include approval of the activity and the financial reports relating to the previous year, and in the third term there shall be included the examination of the draft budget and the plan of action of the following year.

In every quarter the Board of Directors shall also examine the financial and the activity reports relating to the previous quarter which shall be submitted to the Minister supervising the National Council.

The Board of Directors shall convene in presence of at least two thirds (2/3) of its members. Delegation shall not be permissible. Decisions shall be taken by a majority of the members present in the meeting.

**<u>Article 15</u>: Approval of the resolutions of the Board of Directors**

Resolutions of the Board of Directors shall be signed by its members immediately at the completion of the meeting, and a copy shall be sent to the Minister supervising the National Council within a period not exceeding five (5) days in order to give his/her views within a period not exceeding fifteen (15) days from its reception. If this period expires when he/she has not given his/her views, the resolutions of the meeting shall be presumed definitively approved.

The minutes of the meeting shall be signed by the Chairperson and rapporteur and shall be approved in the following session. The copy of the minutes shall be sent to the Minister supervising the National Council within a period not exceeding fifteen (15) days from the day of its approval.

A l'ordre du jour de la réunion du premier trimestre de l'année figurent notamment les points relatifs à l'approbation des rapports d'activités et de gestion du patrimoine pour l'exercice précédent. L'agenda de la réunion du troisième trimestre comprend notamment l'examen de l'avant-projet du budget et du programme d'activités pour l'exercice suivant.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit également examiner le rapport financier et le rapport d'activités pour le trimestre écoulé et le soumettre au Ministre de tutelle du Conseil National.

Le Conseil d'Administration ne se réunit que quand les deux tiers (2/3) de ses membres sont présents. La représentation n'est pas permise. Les décisions du Conseil d'Administration sont prises à la majorité des membres présents.

**<u>Article 15:</u> Adoption des résolutions du Conseil d'Administration**

Les résolutions du Conseil d'Administration sont immédiatement signées par les membres présents directement après la séance et sont transmises au Ministre de tutelle du Conseil National dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours pour avis et considérations endéans quinze (15) jours à dater de leur réception. Passé ce délai sans réaction du Ministre, les décisions du Conseil sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration est signé conjointement par son Président et son rapporteur et soumis à la séance suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est envoyée au Ministre de tutelle du Conseil National dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du jour de son approbation.

**Ingingo ya 16: Itumirwa mu nama ry'umuntu ushobora kugira inama Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa.

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

Abagize Inama y'Ubuyobozi, ndetse n'umuntu uwo ari we wese, ku mpamvu runaka, ukurikira ibikorwa by'Inama y'Igihugu ategetswe kugira ibanga ry'akazi, uwarimennye ahanwa hakurikijwe Igitabo cy'amategeko ahana.

**Ingingo ya 17: Komite z'Inama y'Ubuyobozi**

Inama y'Ubuyobozi igira Komite ziyifasha kurangiza inshingano zayo. Imikorere, imitunganyirize n'inshingano bya za Komite bigenwa n'amategeko ngengamikorere y'Inama y'Igihugu**.**

**Icyiciro cya 2 : Serivisi ya Rejisitirariya**

**Ingingo ya 18: Serivisi ya Rejisitirariya**

Serivisi za Rejisitirariya zikora imirimo ya buri munsi y'Inama y'Igihugu.

Serivisi za Rejisitirariya zigira abakozi bazunganira mu kazi.

**Ingingo ya 19: Ushinzwe Rejisitiri**

Ushinzwe Rejisitiri ni umuforomokazi, umuforomo

**Article 16: Invitation of a resourceful person in the Board of Directors meeting**

The Board of Directors may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain issue on the agenda.

The invitee is not allowed to vote and to follow the debates of other issues on the agenda.

The members of the Board of Directors as well as any other person who attends meetings of the National Council shall maintain professional secrecy, and any one who reveals such a secret shall be punished according to the Penal Code.

**Article 17: Committees of the Board of Directors**

The Board of Directors shall have its supporting committees. The functioning, organization and the responsibilities of the committees shall be determined by the internal rules and regulations of the National Council.

**Section 2: The Registry Service**

**Article 18: Registry Service**

The Registry shall accomplish the daily activities of the National Council.

The Registry shall have supporting staff.

**Article 19: Registrar**

The Registrar shall be a Nurse or a registered Midwife

**Article 16: Invitation d'une personne ressource à la réunion du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration peut inviter dans ses réunions toute personne qu'il juge compétente pour l'examen d'un point inscrit à l'ordre du jour.

La personne invitée n'a pas de voix délibérative et participe uniquement aux débats concernant le point sur lequel elle est consultée.

Les membres du Conseil d'Administration et toute personne qui, pour une raison quelconque, assiste aux séances du Conseil National sont tenus au secret professionnel sous peine des sanctions prévues au code pénal.

**Article 17 : Comités du Conseil d'Administration**

Le Conseil d'Administration dispose des comités lui permettant de remplir sa mission. Le fonctionnement, l'organisation et les attributions de ces comités sont déterminés par le règlement d'ordre intérieur du Conseil National.

**Section 2: Service de Registrariat**

**Article 18: Service de Registrariat**

Les services de Registrariat assurent les activités journalières du Conseil National.

Les services de registrariat sont dotés du personnel d'appui.

**Article 19 : Responsable du Registre**

Le responsable du Registre est une infirmière, un

cyangwa umubyaza wanditse, ushyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi y'Inama y'Igihugu**.**

Ashinzwe by'umwihariko:

1° kuyobora serivisi za Rejisitarariya;
2° gutanga amabwiriza y'akazi mu bakozi b'Inama y'Igihugu;
3° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;
4° kwita ku iyinjiza mu kazi no ku micungire y'abakozi b'Inama y'Igihugu akurikije amategeko;
5° gutegura umushinga w'amategeko ngengamikorere y'Inama y'Igihugu;
6° gutegura no gushyira mu bikorwa uburyo bwo gukurikirana ibikorwa by'Inama y'Igihugu;
7° gukurikirana igenzura rya buri mwaka ry'umutungo n'imari by'Inama y'Igihugu;
8° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi raporo y'ibikorwa n'imikoreshereze y'imari ya buri gihembwe;
9° gucunga Rejisitiri;
10° gukurikirana imicungire y'imari no guhuza imirimo yose y'Inama y'Igihugu;
11° kugenzura imicungire y'imari no guhuza imirimo yose y'Inama y'igihugu;
12° gukora umurimo w'ubwanditsi bw'Inama y'Ubuyobozi.

appointed by the Board of Directors of a National Council.

He/she is particularly responsible for:

1° directing the Registry;
2° issuing work directives to the members of staff of the National Council;
3° preparing and transmitting to the Board of Directors the draft budget proposal for the following year and the activity and financial reports of the previous year;
4° ensuring engagement and performance of the personnel of the National Council in accordance with the law;
5° preparing the draft of the internal rules and regulations of the National Council;
6° preparing and implementing the procedures of monitoring the activities of the National Council;
7° monitoring the annual assets and financial audit of the National Council;
8° preparing and submitting to the Board of Directors each quarterly activity report;
9° managing the Registry;
10° monitoring and evaluating the management of finance and coordinating all other activities of the National Council;
11° monitoring the management of finance and coordinating all other activities of the National Council;
12° serving as a rapporteur of the Board of Directors.

infirmier ou une sage-femme enregistré. Il est nommé par le Conseil d'Administration du Conseil National.

Ses attributions sont particulièrement les suivantes:

1° diriger les services du Registrariat ;
2° donner des instructions de service au personnel du Conseil National;
3° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ainsi que le rapport d'activités et d'exécution du budget pour l'exercice précédent ;
4° assurer le suivi du recrutement et de la performance du personnel du Conseil National conformément à la loi;
5° élaborer le projet de Règlement d'ordre intérieur du Conseil National ;
6° élaborer et mettre en œuvre les procédures de suivi des activités du Conseil National;
7° assurer le suivi d'audit financier et du patrimoine annuel du Conseil National ;
8° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration le rapport trimestriel financier et d'activités ;
9° assurer la gestion du Registre;
10° assurer le suivi de la gestion des finances et la coordination de toutes les activités du Conseil National;
11° assurer la gestion des finances et la coordination de toutes les activités du Conseil National;
12° être le rapporteur du Conseil d'Administration.

**UMUTWE WA V: KWIYANDIKISHA, NO KURENGERA INYITO Y'UMWUGA**

**Ingingo ya 20: Kwandikwa muri Rejisitiri**

Ibisabwa kugira ngo umuntu yandikwe muri Rejisitiri, imiterere n'ibikubiye muri Rejisitiri bigenwa n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze abisabwe n'Inama y'Ubuyobozi.

Mu bihe bidasanzwe Inama y'Ubuyobozi ishobora kwandika by'igihe gito, kitarenze amezi atandatu (6), abaforomokazi, abaforomo cyangwa ababyaza batanditse muri Rejisitiri.

Nta wemerewe kureba muri rejisitiri atabiherewe uburenganzira na Perezida w'Inama y'Ubuyobozi mu buryo buteganywa n'amategeko ngengamikorere.

**Ingingo ya 21: Gusaba kwandikwa muri Rejisitiri**

Gusaba kwandikwa muri Rejisitiri bikorwa mu nyandiko, bigashyikirizwa ushinzwe Rejisitiri biherekejwe n'inyemezabwishyu y'amafaranga agenwa n'Inama y'Ubuyobozi.

Ushinzwe Rejisitiri asubiza uwasabye kwandikwa mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo itatu (30) uhereye igihe ibaruwa ye yakiriwe. Iyo icyo gihe kirangiye adasubije, bifatwa nk'aho byemewe.

**Ingingo ya 22: Kutemererwa kwandikwa muri Rejisitiri**

Iyo uwasabye kwandikwa atabyemerewe, ashobora

**CHAPTER V: REGISTRATION AND PROTECTION OF PROFESSIONAL TITLE**

**Article 20: Registration**

The conditions for registration, organisation and the contents of the register shall be determined by an Order of the Minister in charge of health, upon proposal of the Board of Directors.

In exceptional circumstances, the Board of Directors may temporarily register Nurses and Midwives whose names are not recorded on the Register for a period not exceeding six (6**)** months.

No person shall be allowed to peruse through the register without authorisation of the Chairperson of the Board of Directors in accordance with procedure as determined in the internal rules and regulations.

**Article 21: Application for Registration**

Application for registration shall be in writing and shall be submitted to the Registrar accompanied by an acknowledgement of receipt of a fee determined by the Board of Directors.

The Registrar shall respond to the applicant in a period not exceeding thirty (30) days from the date of receipt of his/her application. If such a period expires, it shall be presumed as admitted.

**Article 22: Refusal of registration**

Where the applicant is unsuccessful, he/she may make

**CHAPITRE V: ENREGISTREMENT ET PROTECTION DU TITRE DE LA PROFESSION**

**Article 20: Inscription au Registre**

Les conditions d'inscription au Registre, le format et le contenu du Registre sont déterminés par arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions sur proposition du Conseil d'Administration**.**

Dans des cas exceptionnels, le Conseil d'Administration peut procéder, pour une durée maximum de six (6) mois, à l'inscription temporaire des infirmières, des infirmiers ou des sages-femmes non inscrits au Registre.

Nul ne peut consulter le Registre sans l'autorisation préalable du Président du Conseil d'Administration, accordée dans les conditions prévues par le Règlement d'ordre intérieur.

**Article 21: Demande d'inscription au Registre**

La demande d'inscription au Registre se fait par notification écrite adressée au responsable du Registre. Elle est accompagnée par un reçu de versement des droits d'inscription dont le montant est déterminé par le Conseil d'Administration.

Le responsable du Registre donne suite à la demande dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours qui suivent sa réception. Passé ce délai sans réaction du Responsable du registre, l'inscription est réputée acquise.

**Article 22: Refus de la demande d'inscription au Registre**

En cas de refus de la demande d'inscription au registre, le

gushyikiriza Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ubujurire bwe mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo itatu (30), uhereye igihe yamenyeshejweho icyemezo.

Ubwo bujurire busuzumwa n'Inama y'Ubuyobozi mu nama yayo ikurikira ikabufataho umwanzuro.

Mu gihe atishimiye imikirize y'ubujurire bwe, uwajuriye ashobora gutanga ikirego mu rukiko rubifitiye ububasha.

**<u>Ingingo ya 23:</u> Urutonde rw'amazina y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza**

Mbere y'itariki ya 31 Mutarama buri mwaka, Ushinzwe Rejisitiri yoherereza Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze, urutonde rw'amazina y'abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza bemerewe kwandikwa ndetse n'abahanaguwe kugeza kuri uwo munsi.

**<u>Ingingo ya 24:</u> Ibirango n'ibindi bimenyetso bishobora kwambarwa cyangwa gukoreshwa**

Mu gihe ari mu kazi ke, umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza yambara ikimenyetso kigaragaza neza izina, urwego arimo n'inomero imuranga mu kazi**.**

Ibirango n'ibindi bimenyetso bigaragara bishobora kwambarwa cyangwa gukoreshwa n'abaforomokazi, abaforomo cyangwa ababyaza bigenwa n'Inama y'Ubuyobozi.

**<u>Ingingo ya 25:</u> Ibibujijwe mu mwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza**

Nta wemerewe gukora umwuga w'ubuforomo cyangwa uw'ububyaza cyangwa kwiyitirira uwo mwuga mu

recourse to the Chairperson of the Board of Directors within a period not exceeding thirty (30) days from the date he/she was notified of the decision.

The Board of Directors shall examine and make decisions on the appeal in its following session.

Where he/she is not satisfied by the decision taken on the appeal, the appellant may institute a judicial proceeding in a competent court.

**<u>Article 23</u>: List of names of Nurses and Midwives**

Before 31 January of every year, the Registrar shall submit to the Minister in charge of health, a list of Nurses and Midwives authorised to Register and those whose names were deleted as of that day.

**<u>Article 24</u>: Insignia and other emblems that may be worn or used**

While on duty, a Nurse or a Midwife shall bear an insignia clearly showing his or her name, grade and the identification number.

Insignia and other distinctive emblems which may be worn or used by Nurses and Midwives shall be determined by the Board of Directors.

**<u>Article 25</u>: Incompatibilities in profession of Nursing and Midwifery**

No person shall practice the profession of Nursing or Midwifery in Rwanda or claiming to belong to the profession

requérant peut adresser au Président du Conseil d'Administration le recours contre la décision prise dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours qui suivent la notification de la décision.

Ce recours fait l'objet d'examen et de décision du Conseil d'Administration dans sa plus prochaine réunion.

Lorsque le requérant n'est pas satisfait de la décision prise sur son recours, il peut intenter une action devant la juridiction compétente.

**<u>Article 23 :</u> Liste de noms des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes**

Avant le 31 janvier de chaque année, le responsable du Registre envoie au Ministre ayant la Santé dans ses attributions, une liste de noms des infirmières, des infirmiers et des sages-femmes remplissant les conditions d'inscription ainsi que celle de ceux qui ont été rayés de la liste jusqu'à cette date.

**<u>Article 24:</u> Insignes et autres marques distinctives**

Lorsqu'ils sont au service, les infirmières, les infirmiers et les sages-femmes portent les insignes mentionnant leurs noms, catégories et numéros d'identification.

Les insignes et autres marques distinctives pouvant être portés ou utilisés par les infirmières, les infirmiers, ou les sages-femmes sont déterminés par le Conseil d'Administration.

**<u>Article 25:</u> Incompatibilités avec la profession d'infirmier et de sage-femme**

Nul ne peut exercer la profession d'infirmier ou de sage-femme ou s'approprier le titre de cette profession au

Rwanda, izina rye ritanditse muri Rejisitiri.

Birabujijwe gukoresha Umuforomokazi, Umuforomo cyangwa umubyaza utanditse muri Rejisitiri.

Inama y'ubuyobozi ikurikirana uwo ariwe wese ukora ibinyuranyije n'ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo, hakurikijwe ibiteganyijwe n'Igitabo cy'amategeko ahana mu Rwanda.

## UMUTWE WA VI: AMATEGEKO Y'AKAZI N'IBIHANO

### Ingingo ya 26 : Amategeko y'akazi

Abaforomokazi, abaforomo n'ababyaza bose bakorera mu Rwanda bagengwa n'iri tegeko kandi bagomba kubahiriza ibikubiye mu gitabo cyerekeye imyitwarire ijyanye n'umwuga w'ubuforomo n'uw'ububyaza gishyirwaho n'Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze.

### Ingingo ya 27: Ikirego cy'imyitwarire mu mwuga

Umuntu uwo ari we wese ashobora gutanga ikirego cy'imyitwarire y'umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza wanditse muri Rejisitiri wagaragaje imyitwarire mibi ku kazi.

Icyo kirego gishyikirizwa ubuyobozi bureberera ubuzima bw'aho uregwa akorera mu nyandiko mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe ikosa ryagaragariye.

Umuforomokazi, Umuforomo cyangwa umubyaza uregwa agomba kubimenyeshwa mu nyandiko n'urwego rwaregewe rumumenyesha ibyo aregwa n'igihe azaza kwisobanura**.**

unless he/she is Registered.

It is prohibited to employ a Nurse or a Midwife who is not registered.

The Board of Directors, in accordance with provisions of the penal code, shall prosecute any person who carries out any acts contrary to provisions of Paragraph 1 and 2 of this Article.

## CHAPTER VI: SERVICE RULES AND SANCTIONS

### Article 26: Service Rules

All Nurses and Midwives working in Rwanda are governed by this Law and required to respect provisions of the professional code of conduct instituted by an Order of the Minister in charge of health.

### Article 27: A complaint of professional misconduct

Any person may submit a complaint of professional misconduct against a registered Nurse or Midwife.

The complaint shall be addressed, in writing, to the health supervising authority of the place of work of the accused within a period not exceeding thirty (30) days from when the misconduct was identified.

An accused Nurse or Midwife shall be informed in writing by the organ to which the matter was referred and the day of appearing for defence.

Rwanda s'il n'est inscrit au registre.

Nul ne peut employer une infirmière, un infirmier ou une sage-femme non inscrit au registre.

Le Conseil d'Administration poursuit quiconque enfreint les dispositions des alinéas 1et 2 du présent article conformément au code pénal.

## CHAPITRE VI: REGLES DE SERVICE ET SANCTIONS

### Article 26: Règles de service

Les infirmières, les infirmiers et les sages-femmes opérant au Rwanda sont régis par la présente loi et tenus de respecter les dispositions du code d'éthique professionnelle établi par arrêté du Ministre ayant la Santé dans ses attributions.

### Article 27: Plainte pour faute professionnelle

Toute personne peut porter plainte contre une infirmière, un infirmier ou une sage-femme inscrite au Registre qui commet une faute professionnelle.

Cette plainte est adressée par écrit à l'autorité de supervision de la santé du lieu du poste d'attache de la personne accusée endéans trois (3) mois à compter du jour où la faute est revelée.

L'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme mis en cause doit être informé par écrit des faits qui lui sont reprochés par l'organe qui a reçu la plainte et lui notifie la date de défense.

Urwego rwashyikirijwe ikirego, rugomba gufata icyemezo mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe bwakiriye ikirego.

Iyo urwego rwashyikirijwe ikirego rusanze rudafite ububasha bwo kugikemura, rushyikiriza icyo kirego ushinzwe Rejisitiri mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15), uhereye igihe kivugwa mu gika cya 4 cy'iyi ngingo.

Iyo urwego rwafashe icyemezo mu buryo butanyuze uregwa cyangwa urega, utishimiye icyo cyemezo ashyikiriza ubujurire bwe ushinzwe Rejisitiri mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30), uhereye igihe icyemezo cyafatiwe, nawe akabushyikiriza Inama y'Ubuyobozi kugira ngo ibufateho icyemezo.

Uregwa afite uburenganzira bwo kunganirwa no guhagararirwa. Umwunganira mu rukiko ni uwo ariwe wese yihitiyemo, mu ishyirahamwe ry'akazi cyangwa umunyamategeko.

**Ingingo ya 28: Gukurikiranwaho imyitwarire mu mwuga**

Gukurikiranwaho imyitwarire mu mwuga ku kazi bitandukanwa n'ikurikiranwa mu nkiko kubera amakosa cyangwa ibyaha byakozwe.

Igihe ikirego cyerekeye imyitwarire mu mwuga kimaze kwakirwa kandi gishobora no gukurikiranwa mu nkiko, Inama y'Ubuyobozi igomba kubimenyesha inzego zibishinzwe.

Igihe cyose, uretse ku byerekeye ibanga ry'akazi, Inama y'Ubuyobozi igomba kugaragaza ibikorwa byose bibi byakozwe n'Umuforomokazi, Umuforomo cyangwa umubyaza mu gihe cy'akazi.

The referred organ shall take a decision within a period not exceeding fifteen (15) days after reception of the complaint.

In case the referred organ to which the complaint is addressed do not have powers to solve it, it shall be forwarded to the Registrar within a period not exceeding fifteen (15) days commencing from the period referred to in Paragraph 4 of this Article.

In case the referred organ takes a decision that is not satisfactory to the defendant or petitioner, each one shall seek recourse to the Registrar within a period not exceeding thirty (30) days commencing from the date of receipt of the decision who in turn shall submit the appeal to the Board of Directors in order to take decision.

The accused has the right to defence and representation. The legal representative is any person of his/her choice in a professional association or a legal representative.

**Article 28: Professional disciplinary action**

Professional disciplinary action is independent of judicial prosecution due to fault or offences committed.

When a complaint of professional misconduct received may be subject to criminal prosecution, the Board of Directors shall inform the concerned authorities.

In any case, except on matters of professional secrecy, the Board of Directors is required to indicate all criminal offences committed by a Nurse or a Midwife on duty.

L'organe saisi doit prendre la décision dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter du dépôt de la plainte.

Lorsque l'organe devant lequel la plainte est déposée se déclare incompétent, celui-ci défère la plainte au responsable du Registre dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours à compter de l'expiration du délai visé à l'alinéa 4 du présent article.

Lorsque l'organe saisi a pris une décision qui ne satisfait pas le plaignant, l'intéressé introduit, dans un délai ne dépassant pas trente (30) jours à compter de la réception de la décision, son recours auprès du responsable du Registre qui, à son tour, le soumet au Conseil d'Administration pour décision.

La personne accusée a le droit d'être assistée et représentée. Le représentant en justice peut être toute personne de son choix issue d'une association professionnelle ou un juriste.

**Article 28: Poursuite pour faute professionnelle**

L'action disciplinaire est indépendante des poursuites judiciaires pour fautes ou infractions commises.

Lorsque la plainte pour faute professionnelle déposée peut également faire l'objet des poursuites judiciaires, le Conseil d'Administration doit en informer les instances concernées.

Chaque fois, sauf pour des raisons de respect du secret professionnel, le Conseil d'Administration est tenu de dénoncer toute mauvaise pratique d'une infirmière, d'un infirmier ou d'une sage-femme dans l'exercice de sa profession.

**Ingingo ya 29: Ihagarikwa ry'umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza**

Mu rwego rwo kurengera abaturage, Inama y'Ubuyobozi ishobora, mu gihe hagikorwa iperereza, guhagarika umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza uregwa amakosa akomeye kandi ikabimenyesha inzego zibishinzwe.

**Ingingo ya 30: Ibihano bigenwa n'Inama y'Igihugu**

Ibihano bigenwa n'Inama y'Igihugu ni ibi bikurikira:

1° ukwihanangirizwa mu magambo**;**
2° ukwihanangirizwa mu nyandiko;
3° kugawa;
4° guhagarikwa by'agateganyo;
5° gusibwa muri Rejisitiri.

**Ingingo ya 31: Imenyesha ry'icyemezo cyafatiwe uwarezwe**

Uwarezwe agomba kumenyeshwa icyemezo yafatiwe mu ibaruwa ishinganye mu minsi cumi n'itanu (15) nyuma y'iburanisha.

Icyemezo umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza yafatiwe kimenyeshwa uwatanze ikirego bwa mbere n'inzego bireba.

**Ingingo ya 32: Kutishimira icyemezo cyafashwe n'Inama y'Igihugu**

Utishimiye icyemezo cyafashwe afite uburenganzira bwo kujuririra Inama y'Ubuyobozi.

**Article 29: Suspension of a Nurse or a Midwife**

In order to protect the public, the Board of Directors may suspend an accused Nurse or Midwife, during the investigation of serious cases and shall inform the concerned authorities.

**Article 30: Sanctions determined by the National Council**

Sanctions determined by the National Council shall be the following:

1° verbal warning;
2° written warning ;
3° blame;
4° suspension;
5° cancellation from the Register.

**Article 31: Notification of the decision taken against the accused**

The accused shall be informed of the decision taken against him/her through a registered letter within a period of fifteen (15) days after the hearing.

The decision taken against a Nurse or a Midwife shall be notified to the first litigant and concerned authorities.

**Article 32: An aggrieved party over a decision taken by the National Council**

Any person who is not satisfied with a decision taken shall be entitled to the right of appeal to the Board of Directors.

**Article 29: Suspension d'une infirmière, d'un infirmier ou d'une sage-femme**

Dans le but de protéger la population, le Conseil d'Administration peut, durant l'investigation, suspendre de ses fonctions, l'infirmière, l'infirmier ou la sage-femme accusé de fautes graves et en informer les instances compétentes.

**Article 30: Sanctions prises par le Conseil National**

Le Conseil National impose les sanctions suivantes:

1° avertissement verbal;
2° avertissement écrit;
3° blâme;
4° suspension;
5° radiation du Registre.

**Article 31: Notification de la décision prise à l'encontre de la personne accusée**

La personne accusée doit être informée par une lettre recommandée de la décision prise à son encontre dans les quinze (15) jours qui suivent l'audience.

La décision prise à l'encontre de l'infirmière, de l'infirmier ou de la sage-femme est communiquée à la personne ayant porté plainte la première et aux organes concernés.

**Article 32: Objection de la partie lésée par la décision prise par le Conseil National**

La personne qui n'est pas satisfaite de la décision est libre d'introduire son recours devant le Conseil d'Administration.

Ubwo bujurire bugomba gutangwa mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe icyemezo cyamenyesherejwe uwo cyafatiwe.

**Ingingo ya 33: Kwiregura k'uwarezwe**

Nta gihano na kimwe gishobora kwemezwa, uwarezwe atabanje guhabwa uburyo bwo kwiregura.

Ariko iyo bigaragaye ko yamenyeshejwe mu buryo ubwo ari bwo bwose buvugwa mu ngingo ya 27, igika cya 3 y'iri tegeko ntiyitabe, ibyemezo bishobora gufatwa adahari, hadategerejwe ukwiregura kwe.

**Ingingo ya 34 : Igihano cyafashwe burundu**

Igihano cyafatiwe burundu umuforomokazi, umuforomo cyangwa umubyaza gishyirwa muri Rejisitiri.

Utishimiye igihano yahawe ashobora kuregera inkiko zisanzwe**.**

**UMUTWE WA VII: UMUTUNGO W'INAMA Y'IGIHUGU**

**Ingingo ya 35: Umutungo w'Inama y'Igihugu**

Inama y'Igihugu igira umutungo wimukanwa n'utimukanwa ukomoka aha hakurikira:

1° ku ngengo y'imari ya Leta ;
2° ku mafaranga yishyurwa imirimo Inama y'Igihugu ikorera abayigana ;
3° ku mfashanyo zaba iza Leta cyangwa iz'abatera nkunga;

The appeal shall be submitted within fifteen (15) days from the date when the decision was notified to the party concerned.

**Article 33: Defence of the accused person**

No sanction shall be approved before the accused is given the right to defence.

However, if it is evident that he/she was notified in any possible way mentioned in Paragraph 3 of Article 27 of this Law and fails to appear, decisions may be taken in absentia without waiting for his/her defence.

**Article 34: Final penalty**

The final decision taken against a Nurse or a Midwife shall be registered.

A person who is not satisfied with the decision taken may file a case with the ordinary Courts.

**CHAPTER VII: PROPERTY OF THE NATIONAL COUNCIL**

**Article 35: Property of the National Council**

The National Council shall have both movable and immovable property coming from the following:

1° national budget allocations;
2° income from services provided by the National Council;
3° state or donor grants;

Ce recours doit être introduit endéans quinze (15) jours à compter de la notification de la décision prise à l'encontre de la personne concernée.

**Article 33: Défense de la personne accusée**

Aucune sanction ne peut être décidée sans que l'intéressé n'ait été invité à s'expliquer.

Toutefois, s'il ne se présente pas alors qu'il a été dûment informé dans le respect des procédures visées à l'alinéa 3 de l'article 27 de la présente loi, les mesures peuvent être prises en son absence sans attendre sa défense.

**Article 34: Sanction définitive**

La sanction définitive infligée à une infirmière, un infirmier ou une sage-femme est transcrite sur le Registre.

La personne qui n'est pas satisfaite de la sanction peut saisir les juridictions ordinaires.

**CHAPITRE VII: PATRIMOINE DU CONSEIL NATIONAL**

**Article 35: Patrimoine du Conseil National**

Le patrimoine du Conseil National comprend des biens meubles et immeubles provenant des sources suivantes:

1° les dotations budgétaires de l'Etat;
2° le produit des services prestés par le Conseil National;
3° les subventions de l'Etat ou des donateurs;

4° ku mpano n'indagano.

**Ingingo ya 36 : Igenzura ry'imari**

Umutungo w'Inama y'Igihugu ugenzurwa n'Umugenzuzi Mukuru w'imari ya Leta, ashobora kandi kwifashisha abagenzuzi bigenga.

**UMUTWE WA VIII: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA**

**Ingingo ya 37: Itumizwa ry'Inama ya mbere y'Inama y'Ubuyobozi**

Inama ya mbere y'Inama y'Ubuyobozi itumizwa na Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze. Abayigize bitoramo Perezida na Visi-Perezida**.**

Abashyirwaho kubera imyanya barimo n'abahagarariye abaturage ntibemerewe kwiyamamariza umwanya wa Perezida cyangwa uwa Visi-Perezida.

**Ingingo ya 38: Inzego z'ubuyobozi n'iz'imirimo ziteganywa n'iri tegeko**

Inzego zose z'ubuyobozi n'iz'imirimo ziteganywa n'iri tegeko zigomba kuba zashyizweho mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) akurikira itangazwa ryaryo mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

**Ingingo ya 39: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko**

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije naryo zivanyweho.

4° donations and bequests.

**Article 36: Financial Audit**

The audit of the property of the National Council shall be carried out by the Auditor General of State Finances who may seek assistance from independent auditors.

**CHAPTER VIII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**

**Article 37: Convening of the first Board of Directors meeting**

The first meeting of the Board of Directors shall be convened by the Minister in charge of health. Its members shall elect among themselves the Chairperson and the Vice Chairperson.

Ex-officio members and representatives of the public are not allowed to campaign for the position of the Chairperson and Vice Chairperson.

**Article 38: Administrative and organisational organs determined by this Law**

All administrative and organizational organs determined by this Law are required to have been set up within a period not exceeding six (6) months following its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

**Article 39: Abrogating provisions**

All prior legal provisions contrary to this Law are hereby repealed.

4° les dons et legs.

**Article 36: Audit financier**

L'audit du patrimoine du Conseil National est assuré par l'Auditeur Général des finances de l'Etat qui peut requérir l'assistance des auditeurs indépendants.

**CHAPITRE VIII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**

**Article 37: Convocation de la première réunion du Conseil d'Administration**

La première réunion du Conseil d'Administration est convoquée par le Ministre ayant la santé dans ses attributions. Le Conseil d'Administration élit en son sein son Président et son Vice-Président.

Les membres de droit et les représentants de la population ne peuvent pas se porter candidats au poste de Président ou de Vice-président.

**Article 38: Organisation et cadre organique prévus par la présente loi**

Tous les organes administratifs et services prévus par la présente loi doivent être mis en place dans les six (6) mois qui suivent sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

**Article 39: Disposition abrogatoire**

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

**<u>Ingingo ya 40:</u> Igihe itegeko ritangira gukurikizwa**

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, kuwa **25/07/2008**

Perezida wa Repubulika
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Minisitiri w'Intebe
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Bibonywe kandi bishyizweho ikirango cya Repubulika**:

Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**<u>Article 40</u>: Commencement**

Tihs Law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **25/07/2008**

The President of the Republic
**KAGAME Paul**
**(sé)**

The Prime Minister
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Seen and sealed with the Seal of the Republic:**

The Minister of Justice/Attorney General
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**

**<u>Article 40</u> : Entrée en vigueur**

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **25/07/2008**

Le Président de la République
**KAGAME Paul**
**(sé)**

Le Premier Ministre
**MAKUZA Bernard**
**(sé)**

**Vu et scellé du Sceau de la République:**

Le Ministre de la Justice/Garde des Sceaux
**KARUGARAMA Tharcisse**
**(sé)**